

TUMENYE IHINDUKA RY'AMAJWI YANDIKWA NA S NA Z MU MAGAMBO Y'IKINYARWANDA

1. Iriburiro

Mu mivugirwe y'amagambo y'Ikinyarwanda harimo ahindura intego igatandukana n'amajwi nkomoko ariko igisobanuro cy'ayo magambo ntigihinduke. Ibi biba mu buryo bwo koroshya ivugwa ry'ayo majwi bitewe n'ayo biri kumwe mu kurema ijambo, bityo ijwi rimwe rigahindura irindi biri mu ijambo rimwe bikagira imisusire imwe. Mu bumenyi nyigandimi bavuga ko habayeho ishushisha. Mu majwi akunda guhindurana bigatanga igisobanuro gihugura benshi harimo amajwi yandikishwa ingombajwi z'inkubiyi z'inyakanwa z'inyesongashinya s na z. Mu Kinyarwanda ariko habamo n'ishushisha ry'amajwi y'inyajwi.

Mu mvugo y'uburyo bwa rusange amagambo y'Ikinyarwanda afite inyuguti z'inkubiyi ashobora guhindura isura zimwe zigahinduka bitewe n'izegeranye na zo. Ibyo biba mu mikoreshereze y'ayo magambo arimo izo nyuguti ariko umuntu ntamenya ko byabaye kereka ukoze ubugenzuzi buhereye ku nkomoko y'amagambo. Kugira ngo bisobanuke neza, uvuga cyangwa uwandika ushaka gusobanukirwa na byo ahera ku gicumbi cyangwa ku muzi by'amagambo akabona kumenya ibyabaye.

Ishushisha rero nk'uko twabibonye rishobora kuba ko nyajwi cyangwa ku ngombajwi. Bityo hakabaho ishushisha ry'inyajwi n'ishushisha ry'ingombajwi.

2. Ibisobanuro by'amuga

- **Ishushisha:** ihinduka ry'inyajwi cyangwa ingombajwi igahinduka bitewe n'indi nyajwi cyangwa indi ngombajwi iyibanjirije cyangwa iyikurikiye bigasa cyangwa bigahuza imwe mu misusire.
- **Inkubiyi:** Inkuubiyi ni ingombajwi zivugwa ingingo z'imvûgiro zegeranye, umwuka ukazinyura hagati usa n'uzikubaho. Inkubiyi z'Ikinyarwanda ni **b, v, f, z, s, r, h,**
- **Inyakanwa:** ijwi (inyuguti) rivugwa umwuka wose unyura mu kanwa. a) Inyakanwa zerekanwa n'inyuguti **b v f z s z h b p d t g k r p f t s c.** Inyajwi zose ni inyakanwa.
- **Inyesongashinya:** Ijwi (inyuguti) rivugwa isonga y'ururimi ihura n'imerero ry'amenyo cyangwa n'ishinya byo haruguru.

3. Ishushisha ry'inyajwi

Muri rusange inyajwi i ihinduka e iyo ikurikiye umugemo urimo inyanjwi e cyangwa o (kugendera), u igahinduka o iyo ikurikiye umugemo urimo inyajwi o (gukosora). Ibi bikunze kuboneka cyane no mu nshinga zifite ingereka ngirira n'izifite ingereka ngirura.

Urugero:

Kuborora; kurogora, kubarura, gutarura; gusomeka, kugereka, guhereka, kuboneka.

4. Ishushisha ry'inkubyi

Muri rusange, iyo ingombajwi z'inkubyi z'inyesongashinya *s* na *z* zibanjirije umugemo urimo ingombajwi z'inkubyi z'inyarusenge *sh* na *j* zifata imisusire nk'iyazo. Ni ukuvuga ko ingombajwi ziri imbere zihindura izizibanjirije bigasa. icyo gihe iri shushisha riba rigaruka inyuma aho kuba irijya imbere = *z*, *s - j*, *sh/-j*, *sh*.

Urugero:

- Arashaje: arasaje: a – ra – saz-ye --- a-ra-saje ($z + y = j$) ---- a-ra-shaje (*s-sh/-j*).
- Gushesha: gushesha: ku – se – ish-a --- ku-sesh-a ($i - e/ - e$) --- ku-shesh – a (*s-sh /-sh*)
- Bamujijije (ubusa): ba-mu-zir-y-ir-ye --- ba-mu-ziz-ir-ye ($r+y=z$) --- ba-mu-ziz-ije ($r+y=j$) --- ba-mu-zijije (*z-j/-j*) → **ba-mu-jijije (z-j/-j)**.
- Wamubajije: u-a-mu-bar-y-ir-y-ye → wamubaziz-ye ($r+y=z$) → nabazije ($z+y=j$) → **nabajije (z-j/-j)**
- Yagujije (murumuna we): a-a-gur-y-ir-y-ye → yaguziz-ye ($r+y=z$) → yaguzije ($z+y=j$) → **yagujije (z-j/-j)**.
- Twajimije (amatara): tu-a-zim-ir-y-ye → twazimiz-ye ($r+y=z$) → yazimije ($z+y=j$) → **yajimije (z-j/-j)**
- (Inkweto) zirashaje: zi-ra-saz-ye → zirasaje ($z+y=z$) → **zirashaje (s→sh/-j)**.
- Ameshesha (isabune): a-0-mes-ish-a → a-0-mesesh-a ($i-e/e-$) → **ameshesha (s→sh/-sh)**.
- Mwishonjeshe: mu-ø-ii-sonz-ish-e → mwi-sonzesh-e ($u→w/-j$; $i-e/-e$) → **mwishonjeshe (s→sh/-j)**.

Hari n'andi magambo ibi bibamo ariko mu mvugo bamwe bagakomeza no gukoresha intego/ imiterere y'ayo magambo idahindutse.

Urugero:

- Gusabisha: ku-sab-ish-a → **ku-shab-ish-a** (s→sh/-sh).

Iri shushisha ni na ryo riba mu magambo ndangamasano dusanga mu Kinyarwanda ya shebuja na shobuja.

- Shobuja: sobuja → shobuja (s-sh/-j).
- Shebuja: sebuja → shebuja (s-sh/-j).

Ishushisha kandi rigaragara mu ijambo rikunda gutera bamwe kwibaza ibyaryo “IJISHO”. Ubusanzwe iri jambo risesengurwa kuri ubu buryo: i-ji-iso n’ubwo hari abavuga ko nta ndanganteko rigira. Iriya -ji- ni impindurantego y’indanganteko -ri- y’inteko ya 5. Bityo ijiso rikaba ijisho hakurikijwe ishushisha rituma s ihinduka sh bitewe na j iri mu mugemo ubanza. Iri shushisha ni njyambere kuko ingombajwi ibanza ihindura iyikurikiye.

5. Impugukirwa

Bamwe mu bahanga mu kibonezamvugo k’Ikinyarwanda batanga n’ibisobanuro bindi ku ihinduka ry’amagambo amwe n’amwe, bakavuga ko habaho ihindurantego ry’imizi iyo ikurikiwe n’ingereka ngiza -y- cyangwa imisozo -ye cyanwa -yi aho kuba ishushisha.

Urugero:

- Gushusha: gusa→ yashushe --- a-a-sush-ye --- a-a-shush- ye (ihindurantego) --- **yashushe**.

Umusozo

Ururimi rugira ayarwo. Rutunganya ibyo ruvuga mu buro buruboneye kandi bushobokera buri wese mu barukoresha. Bimwe bimenyekana iyo abahanga muri rwo bashakashatse bakabibona kandi bakabisobanura mu buryo budashidikanywaho. Nguko uko ishushisha ry’aya majwi yandikishwa inyuguti ya s n’iya z ryasobanutse.